KUBIBA

Birashoboka gutanga kandi ukaba umukire.
Birashoboka kugundira cyane maze ukabura byose.

IHAME RY' ICYUMWERU

Muri buri muryango mugari uzahasanga abatsinda na batsinzwe. Akenshi itandukaniro riboneka mu ndangagaciro bahaye ibyo bahisemo gushyira imbere. Iri hame ryo kubiba rifitanye isano ikomeye n' ejo hazaza ha bantu ku giti cyabo ndetse n' umuryango mugari waho dutuye muri rusange. Uyu mugani ugira uti" birashoboka gutanga kandi ukaba umukire." Kwitanga ubwacu, gutanga ibitekerezo ndetse umutungo wacu biduhesha kugera bintu byiza bihambaye ndetse n' umuryango tubarizwamo.

Iyo twubaka abandi, natwe tuba twiyubatse. Ihame ryo gufasha abandi wifuza ko bakabaye babigukorera ni umuco ufite agaciro gakomeye mu muryago nyarwanda dutuyemo. Iyo iri hame baryitoje ribiba umuco wo kwita ku bandi dore ko biganisha kw' ihirwe.

Usibye ko iri hame risa nirihabanye ni kinyejana tugezemo aho twita gusa ku burengazira bwacu hamwe ni byacu. Dushaka kwakira ibya bandi byose aho kwitanga ku bandi. Gusarura biza nyuma yo kubiba igihe cyose. Mu gihe turakariye abantu rero nabo bazaturakarira. Mu gihe dusuhuje abandi tumwenyura nabo bazatwikiriza bamwenyura. Nitubona agaciro ko kubiba tuzakishimira cyane tubonye maze tubone bitatuvuna habe na gato, ahubwo bigaragare nko kwiteganyiriza mu buzima bwacu burangwe n' ibihembo.

Iyo dukoresheje ibyo dufite cyangwa tukabiha abandi, tuba twaguye imifuko yacu. Uruho rwuzuye nta mpamvu yo kurwuzuza. Kwitoza gutanga(kubiba) birema ishusho y' ubupfura butera abo twafashije kuzadufasha natwe.

INYUNGU

1. Uzajya ubona ubushobozi mu bandi kuko uzajya uhora ushakisha icyiza bafite muri bo. Uzaba ubona icyo uwo muntu yaba cyo ndetse akabiba amagambo y' ihumure, ibitekerezo cyangwa se ubagororere impano yabafasha gusohoka bagere aho bifuza kugera.
2. Bizaguha imbaraga zo gukora icyiza ubwawe kuko ubwo uzaba ushakisha ubushobozi bwa bagenzi bawe nawe uzatahura ubushobozi bukubereye .
3. Uzagorerwa birambuye kuri buri mbuto uzajya ubiba. Mu gihe uri akarorero ku bandi bityo nawe uzabona akarorero ku bandi. Ni ukubiba hamwe no gusarura, icyo utanze kizakugarukira.

Kugira ngo dusarure , tugomba kubanza kubiba mu byo dukora. Ntidushobora gutanga gusa amafaranga cyangwa ibitekerezo maze twigendere .Tugomba gukomeza tukuhira amazi (guhumuriza). Kuhira bivuga kuyobora no kuguyaguya abantu, ibicuruzwa, ibitekerezo cyangwa se amafaranga twashoye . Ni ingenzi rero ko twakurikirana umutungo twashoye . Haba inama twabibye , bivuze ijambo ry' ihumure twatanze ku bandi rizatugarukira. Imbuto mu butaka zikeneye imvura nyinshi ishoboka . Ibitekerezo hamwe n' inama bigira imbaraga cyane iyo twabiteze amatwi inshuro nyinsi biyto bigira agaciro.

INTAMBWE ZIKURIKIZWA

1. Igihe cyose ujye ubiba ikintu cy' agaciro. Nutabiba, ntuzagarurirwa ineza. Ihame ryo

Inzira ni mikorere yo
KUBIBA

kubiba ni rwo rufunguzo ruzakuzanira ihirwe/ instinzi. Iri hame rirakoreka. Ibihembo ntabwo bikunze kugaragara, ariko uzajya uhora ugororerwa mu gihe kirekire.

2. Sarura. Mu gihe utabibye inama cyangwa ngo ufashe abandi, nta mpamvu ufite yaguha gutega amaboko ku bandi. Ubuzima ni mpano, ibigaragara mu buzima bwacu nibyo twifuje kubiba. Umuntu amenyekana ku cyo yatanze si ku cyo yakiriye.
3. Biba mu buryo bwagutse. Niba dufite umutima utanga ni uko natwe tuzagororerwa imbuto twatanze tutitangiriye itama. Ni tubiba bike tuzasarura bike.
4. Wiba umunebwe. Ubunebwe buzatubuza kubiba no kuhira abandi ni uko ntituzaba tugisaruye ingororano yacu mu nzagihe.
5. Wigundira. Kugundira bizagutera kugumana amafaranga yawe, inama ndetse n' impano zakagombye kuba zarabibwe mu bandi. Ntukajye uba agatebo ko kwikubira maze ngo wirundeho impano zose zishoboka, ahubwo zitange ku bandi bazikoreshe maze ingororano izakugeraho nubikora.

Umuntu ufite Ubuntu yongererwa ubukire kuko atanga mu byo afite, umwanya ndetse ni impano. Ku bw' iyo mpamvu, hari umugani uvuga ngo" kenshi dutanze niko twongererwa ubukire.

Bibana umutima ukunda rero, kuko birakwiye. Gerageza kumwenyurira abantu bose muhura maze urebe ko hari cyo byagutwara.

Mu gihe kandi udakunda ibyo usaruye, fata iya mbere maze uhindure imbuto wabibaga maze wicecere. Uzasarura icyo wabibye. Biba rero ufite icyerekezo.

IBAZE KANDI USUBIZE

1. Ese aka kanya waba ufite iki muntoki zawe, cyo ushobora kubiba mu bandi?
2. Ese yaba ari nde cyangwa iki, ubona ko wabibamo imbuto?
3. Ese haba hari ikintu cyagaragaye mu buzima bwawe uyu munsi, ubona ko cyazanywe ni imbuto wabibye?

Ibuka....Intekerezo zibyara ibikorwa, Ibikorwa bibyara ingeso, Ingeso zirema kamere, yacu Nuko kamere igena ejo hacu hazaza!

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota?										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame??										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri munsi	M	T	W	T	F	S	S			